# UMUVUGO.

DUSABE Aloys.

Secteur KIBYAGIRA

Commune MUDASOMWA

GIKONGORO

N° 1. UMUVUGO : RUBYIRUKO MURAMENYE:

1. Rubyiruko nkunda tuganire,
Twidagadure dushire amanga,
Aliko tutigira ibyomanzi,
Ngo twitwaze ko uyu mwaka,
Inani n'itanu uhaliwe urubyiruko.

2. Dufate neza Ubumwe n'Amahoro,
Tubashe kugera ku majyambere,
Intego yacu ikaba iyongiyo
Dukoranye umwete ugatira iherezo,
Niko abayobozi babyifuza.

3. Dufite ababyeyi batwigisha,
Ibyinshi cyane tutabonye,
Icyo numvise kiruta byose
Kikandyohera nk'ubuki
Bavuze Ubumwe bwababkujije.

4. None nanjye ndabyiboneye,
Reka mbirate kuko mbiruzi,
Rubyiruko nkunda dukome mu mashyi,
Intego yacu ya buli munsi,
Ubumwe, Amahoro, Amajyambere.

5. Rubyiruko rero mureke mbabaze
Uko namwe mwabibonye,
Niba mbeshya munyomoze
Nibiba iby'ukuli mubyikilize
Dufate neza u Rwanda rwacu.

6. Ubu urubyiruko aho ruli hose,
Rulishimye cyane rwose,
Maze aho bumviye ko umwaka,
Inani n'itanu uhaliwe urubyiruko,
Sinakubwira ni indefini.

7. Imbyino yacu yabaye Ubumwe,
Maze indilimbo ibaye Amahoro,
Gushayaya ni Amajyambere,
Ishuli ryacu tubyigiramo
Ni uru Rwanda rwatubyaye.

8. Maze akanama nabagira,
Rubyiruko nkunda bana b'ejo

.../...

Maze ntibibe ibyo mu kanwa gusa,
Tubigaragaze ndetse mu bikorwa,
Mu ma Koperative ntituhahezwa.

9. Twoye no kuba inyandagazi,
Cyangwa inzererezi zo mu mijyi yose
Nk'abatagira amaboko b'abasabilizi
Cyangwa abasazi cyangwa ibindi
Bitigeze byumva amajyambere.

10. None rubyiruko nshuti y'abere
Dore ubungubu Leta yacu
Yo yiyemeje kuzamura
U Rwanda rw'ejo rugana Ubumwe
Kugirango ruzagere ku majyambere.

11. Umva rubyiruko jya utekereza
Kuva aho tumaze gukulira
Twanze ibibi dukunda ibyiza
Uretse icyago cyo muli 73
Cyali kigiye kutubuza amahoro.

12. Maze umubyeyi utagira uko asa
Yo kagira ishya yo kaduhorana
Atanga ituze mu banyarwanda
Kuli iyo taliki itazibagirana
Yo kuli 5 muli Nyakanga.

13. Muri uwo mwaka uvuzwe haruguru
Maze abasaza baralilimba
Abategarugoli bavuze impundu
Ngo Hi!i!i! Uli Habyalimana koko
Maze urubyiruko dusekera limwe.

14. Bwarakeye ntibyatinze,
Haza umwaka 74,
Uwo mubyeyi uzadukiza,
Yahise awita uw'UBUHINZI
Ngo niduhinge dutsinde inzara.

15. Buba bulije undi uratashye,
Twumva ko bashyigikiye ubuhinzi
Haje umwaka 75
Ati : Ikibaryohera nk'ubuki
Twese TWONGERE UMUSARURO.

16. Ubwo turahinga nkuko yavuze
Ntitwaryama nkaba bagore
Kuko bulya abagore bali kwinshi
Ngo hali byuka tujye guhinga
Ngo hali na mpfumbata ntiburacya.

.../...

17. Hashize amezi makeya atatu
Ibyo twahinze biba bireze
Tuba abakungu tulishima
Ntitwatinya kujya aho abandi bali
Ntituli ibisigo bizira urumuli.

18. Tuze imbere kurunana
Twizihirwe nuwo 76
Yaratubwiye ati : Mulishimye!
Mwarahinze mwongera umusaruro
Ubu umwaka ni uwa M.R.N.D.

19. Aho tuli hose tulishima,
Tuti wa mubyeyi yo kabyara
Yo gatega urugoli, nkuko yaruteze
Ali abashaje, ali urubyiruko
Bamenye bose ko bali muli Muvoma.

20. Uko umwaka utashye akatwigisha
Icyo tugomba kwiyumvira
No kungura igihugu cyacu
Ati : Ndabiruzi mumeze neza
DUTURE AHEZA muli uyu mwaka 77.

21. Bukeye tubona 78
Ati : "Kugirango tubone byinshi
Kandi ubutaka ntabwo bwera
Nimuze dushyigikire ubworozi
Tubone ibiryo by'imilima yacu.

22. Jyewe umwana wa Kanyarwanda
Narabyumvise mfata umugambi
Nkwikira isuka mfata umushike
Maze ndafumbira birarenga
Icyo byampaye urakibonera.

23. Ibyo arabisuzuma uwo mubyeyi,
Asanga ubujiji bukili bwose
Ati : Uyu mwaka ni uw'UBUREZI (79).

24. Hahita haza n'uwa 80
Ati : NIMUFATE AMAZI NEZA
Ubwo muba aheza, mukaba beza
Nimwifuze icyaba kiza
Nimufate amazi neza shenge.

.../...

25. Uwo mubyeyi we ntiyabeshye
Amazi mabi agira microbes
Inzoka nyinshi z'andi moko
Zikangiza ubuzima bwacu
Kandi Imana yo itabishaka.

26. Imana nayo nkuko yaremye
Inani na limwe waje bwangu
Wahise witwa uwo : GUFATA UBUTAKA NEZA
Tubuhendahende kuko ali ntabwo
Tubwiteho tubukorere.

27. Haje n'undi inani/na kabili
Ati : Nimurwanye isuli hose
Mutere ubwatsi ku mingoti
Imwe mwashyize ku milima yanyu
Mwanga isuli yabutwara.

28. Muzi yuko bikulikirana
Ubwo twabonye inani/na gatatu
Maze arareba abona ni byiza
Ati : Igisigaye MUTERE IGITI
Imisozi ihanamye n'idatuwe,

29. Ubwo ndakebuka ndeba hirya
Ndeba hirya ndamwenyura
Ndeba uko ngana, ndeba uko nsa
Nti : Ibyo Nyakubahwa yaduhaye,
Bizarambe, Bizarambe!e!e!e!

30. Inani na kane waje bwangu
Yawusanganiye avuga ili jambo
Nimwongere bya bihingwa
Byacu byitwa INGANDURA-RUGO
Abarya ni benshi, ubutaka ni buto.

31. Aliko nawe utigeze umuswa
U Rwanda ni ruto, aliko rutuwe
Kandi ubutaka bwararumbye
Nitudakulikiza iyo migambi
Biranze bicikiye ku rucunshu.

32. Haliho ibyo abantu twikurulira
Nituva mu Kirago tujya mu tubare
Cyane cyane nko k'urubyiruko
Ntazi umulima, ntazi isuka
Tuzaba dute? Tuzabaho dute?

.../...

33. Wowe rubyiruko mwana mwiza
Ubwo wakulikije iyo migambi
Wabonye iki muli ibyo ngibyo?
Wabiratiye babandi
Bava mu kirago bajya mu tubare.

34. Jyewe umwana wa Kanyarwanda
Byinshi cyane barabiruzi
Suzuki yanjye barayire zi
Inka wakeka ko ali Rubona
Maze no kwiyuzuliza urupango.

35. Nimuze rero mbahe akanama
Maze muzagere kuli byinshi
Hina umugongo ushikame ukore
Weye kwilirwa wonsa isuka
Cyangwa uhagaze nk'i Pilone.

36. Aliko rubyiruko ndi umubyiruka
Rubyiruko mwaje tukilinda
Ibishuko byinshi tubona mu mujyi
Iba ku bahungu no ku bakobwa
Yo kuzerera batagira akazi.

37. Aliko bahungu muzilinde
Ubwo bujedi mwihaye
Mwaburetse mukaza icyaro
Mugafasha ababyeyi bababyaye
Iyo batababyara ibi muba mubiruzi?

38. Rubyiruko rwose ibyo mwabiretse
Cyane cyane abasore b'ubu
Mureke gushuka abali b'u Rwanda
Mubashukisha ya mikufe
Cyangwa Disco bise ntambwa idapima.

39. Icyo nababwira mwakwipakurura
Mukakijugunya nko guta ubujiji
Kuko alibyo byatawe buheliheli
Izo mvugo zose muvana mu mujyi
Byo gusebya ibintu tutazi gukora.

40. Mumbabalire si ukubatuka
Abantu kubaho ni ugufatanya
M'Ubumwe, Amahoro dufite umwete
Tukajijurwa mubyo tutazi
Ali ba sogokuru batujijura

.../...

41. Maze bakobwa namwe nuko
Ibyo mwirata ngo ni ukoga
Mugafata Poudre n'andi mavuta
Afite impumuro z'ubwoko
Nimwilinde tujye akanama.

42. Wijya mu mujyi guma mu cyaro
Ufashe ababyeyi bakubyaye
Wiralikira ibyiza nk'ibyo
Byagutesha umutwe ugasanga
Aho uli hose ulilira mu myotsi.

43. Jya mu ishuli ufate inyigisho
Tugize imana tubona CERAI
Zitwigisha n'ubukolikoli
Buzadufasha tugeze ahaga
Aho kuzilirwa tuzerera.

44. Dore ejo bundi nafashe TAXI
Ngana iya Muruli ho mu Buganza
Nsanga umwana wiga CERAI
Afashwe n'inda ngo ajye mu bitaro
Ko Docteur aliwe ubishoboye.

45. Ubwo nculika umutwe ndishishimura
Ndazengera mba nk'umusinzi
Ali ukubera ibintu nk'ibyo
Byo kuzerera mu mijyi hose
Mu biruhuko byabo bagira.

46. Aho murabizi kuva ejobundi
Taliki 5 za Nyakanga
Umwaka mwiza ilindwi na gatatu
Ko twabonye Ubumwe n'Amahoro
Ndetse n'amajyambere yo mu cyaro.

47. Dore amajyambere alihuta
U Rwanda rwose rulishimye
Ali abasaza, ali urubyiruko
Imbyino nimwe n'indilimbo
Bavuga ibyiza bilimu Rwanda.

48. Ntitwabimara kuko ali byinshi
Aliko ikingenzi ntabyirengagije
Kebuka hirya urebe hino
Uko urubyiruko rukoma mu mashyi
Rwishimira Ubumwe n'Amahoro.

49. Rubyiruko namwe muramenye
Mutazashiduka mugasitara

Mugateshuka ku ntego
Imaze kuduha ibyiza byinshi
Aliko cyane ibyo tumaze kubona.

50. Musore nawe nkumi ubyiruka
Niba shahu ubuze amashuli
Dore ko atakwiliye bose
Unezerwe ushire agahinda
Leta yacu iradushyigikiye.

51. Niba kandi ubonye intize
Ukaba ufite gukomeza amashuli
Ntiwiyibagize umuco karande
Ba sogokuru wabonye bakora
Bakaba bagejeje bugingo n'ubu.

52. Hinga byose birakunaniye
Kandi u Rwanda rwacu ureba
Rukaba rwizihiliye ubuhinzi
Uburobyi, ubworozi n'ububaji
Ntaho uhezwa Rwanda rw'ejo.

53. Ninde wakoze nk'ibyo bana
Maze bikamunanira agasonza
Akagera ubwo azinga iminkanyali
Nk'umwana wafashwe na bwaki
Akabonerana nk'indorerwamo.

54. Aho uzi kumva ngo ufite amaboko
Maze ukazapfa uzize gusonza
Uli umwangavu, utanashaje
Ngo bikunanilire mu busaza
Cyangwa indwara utazi uko ije.

55. Uretse ibi byorezo tujya tubona
Aliko mufite Ubumwe n'amahoro
Dore icyo cyorezo kiratsindwa
Mukazagera kuli byinshi
Maze amajyambere asage hose.

56. Rubyiruko mwese nimwisunge
Uliya muntu uhanze amaso
Abantu nkamwe arabategereje
Afite ubwuzu impande zose
Arabahamagara ngo mumusange.

.../...

57. Rubyiruko nkunda maze murebe
Y'uko iby'ubu twirukamo
Bifite isano nk'iyi ibisazi
Urabona umwana ujya mu ma BAR
Maze agaheza se wamubyaye.

58. Aliko rubyiruko nshuti ya mwiza
Utirengagije utere amaso
Aho mu ma BAR tubona hose
Aho urubyiruko rwanyegereye
Amacumbi yabo akaba ayongayo.

59. Ubu ndabyiruka nd'umubyiruka
Murambabaje nshaka kulira
Kuko ndarebye mbura aho mpereza
Ndibajije bishyira kera
Uko tuzaba niba alibyo.

60. Aliko bana musigaye inyuma
Niba mutaje dufatanye Ubumwe
Duteze imbere igihugu cyacu
Kuko ali twebwe Rwanda rw'ejo
Nitwe abasaza bahanze amaso.

61. Haliya hakurya kuli mbiyo
Hali abana bake umunani
Ibyiza byose niho bibalizwa
Jye narebye amaso arahuma
Iby'abo bana bizarambe.

62. Niba rero tubikulikije
Maze tugakora dufite umwete
Amahoro nayo akatwakira
Naho amajyambere asozere
Maze urubyiruko ruvuze impundu.

63. Niba udakoze ngo uteze imbere
U Rwanda rwacu alitwe rureba
Urumva rwose ushingiye kuki?
Ikiruta nuko bakujugunya
Mu kivu nkaho uli umusenyi.

64. Ureke uburara n'ubwomanzi
Kuko ibyo Leta ntibishaka
Ntushukishwe na byabindi
Abantu bita ngo Souvenir
Kandi rwose ntan'akamaro.

.../...

65. Cyane cyane jye ikimbabaza
Kikaba kimvunnye imbavu zose
Dore uva imuhira utembereye
Maze ugahura n'ibyomanzi
Napfuye ntarakubona di! (ijwi litoya)

66. None rero ko ubyumvise
Wiyemeje iki ugiye gukora
Ngo wilinde ibirobya bwenge
Byagutera izinukwa Mana
Maze ugashengurwa n'agahinda.

67. Sinzi uwavuze mubakera
Agaca umugani abwira abandi
Uko ibya kera byali bimeze
Yarebye iby'ubu asa nuciye
Uretse ko basutseho amazi.

68. Yavuze ukuntu rububuta
Yazanye Rutuku rw'umuzungu
Ikamutura ahangaha tuli
Hafite ubwiza buhambaye
Yahashima akabishinga ihema.

69. Byice kabili ahashyira ishuli
Maze abakambwe baramuhunga
Bati: Inyamaswa yaduteye
Bahatwa kwiga no kujijurwa
Barabikunda ndetse karahagwa.

70. Bati : Kera hakoraga uburetwa
None abubu bafite amahoro
Naho ubumwe barabuvukanye
Amajyambere yo ni yose
Abanyarwanda balishimye.

71. Hali urubyiruko rwambwiye
Ko rwashavuye cyane rwose
Niyumvisha ko rutaba imuhira
Mu mateme hose niho rurara
Ikindi cyarwo ni ukunywa insheli.

72. Ibyo biyobyabwenge mubyihorere
Maze uce bugufi ukorere u Rwanda
Utwo dutukuru twateye
Sinzi neza aho iyo nama
Mwagize karende mu mitwe yanyu.

73. Ahu!u!u! Ndikanze
Aliko shahu ubu ko usorekaye
Iso ejobundi akaguha umufasha
Aho rubyiruko ntuzareba
Bamwe musangira utwo turahure?

74. Iyaba ali utwo mwigulirага
Atali ukwilirwa mudutora
Aho mu ma BAR aho twandagaye
Aho abasilimu bazisigaje
Kandi ali ifuro mwinywera.

75. Rubyiruko rwose mugeze hehe?
Dore amajyambere arabacitse
Kandi ijambo ryitwa urubyiruko
Ali ukureba u Rwanda rw'ejo
Uko ruzaba mu minsi mibi.

76. Ese ntiwagiye kwą Muzehe
Ngo urore umwana uteye ubwuzu
Ufite amatwara nkay'u Rwanda
Kandi rwose ntacyo yabuze
Ni umukungu ufite agaciro.

77. Kandi ntuzi aho yabikuye?
Yagize ubumwe mu banyarwanda
Agira amahoro mu rugo iwabo
Agirango azagere kuli byinshi
Niyo majyambere yamusaze.

78. Ibaze nawe wisubireho
Koko rubyiruko kumva bavuga
Ko ali wowe Rwanda rw'ejo
Ugapfayonga ugakora hirya
Ingaruka yabyo uzayireba.

79. Maze rubyiruko fata umugambi
Uzawushyire n'abatawufite
Nibawutapfuna ubacengeyemo
Muzafatanye mujye akanama
Maze muzagere kuli byinshi.

80. Sinzi neza niba ubyumva
Wowe rubyiruko rwanda rw'ejo
Iso wakubyaye ntiyagutaye
Kandi uli igikenya mu bindi
Waramunaniye akabura uko agira.

81. Ntiwiyibagize imyaka magana
Ishize yose umukuru wacu

We ntiyahwemye kuduha inama
Wibuke ijambo livuga neza
Ngo umuntu wese ature aheza.

82. Twishyiremo agafu twiyibagize
Ingorane nyinshi tujya duhura
Tura aheza, ubane neza
Ugire umubano mu banyarwanda
Ukunde ube isugi iwacu i Rwanda.

83. Kubona rwose witwa umusore
Maze ugakurura za nyakatsi
Kandi Leta y'u Rwanda ntibishaka
Ni nacyo gituma batubwiye
Ngo niduture aheza cyane.

84. Maze bakobwa nimuhakanire
Umusore w'ubu ubakangisha
Patte igoroye ni cuire
Kandi rwose atagira intaho
Iwe ali mu mwobo nk'umwe w'inyaga.

85. Baraduhanuye turabashimye
Abantu rwose banze nk'ibyo
Bipakuruye na byabindi
Bagira umurego bashishikaye
Natwe ntiduteterezе u Rwanda rwacu.

86. Aho bigereye rungano nkanjye
Bana baremwe n'Imana
Ikabatuza muli Paradizo
Ali uru Rwanda rwacu ureba
Munyegere mbahe igisakuzo.

87. Sakwe Sakwe shira agahinda
Soma usogongere aya majyambere
Atagucika ukagwa mu cyobo
Kandi Imana yaraguhaye
Amata kubwoko ubwalibwo bwose.

88. Hinga mbabwire ntaburyarya
Burya mbabwira tureke mu mijyi
Tugane icyaro aho twarerewe
Twipakurure ya mapingu
Na za ndembo zitadusibaho.

.../...

89. Umwaka washize uwo aliwo
Aliko ndakeka ilindwi n'icyenda
Niba ali nawo wali uw'abana
Nibashye ko ubutegetsi ali twe tubufashe
Njya muli groupe yo mu birara.

90. Ubwo nkalira mu mijyi yose
Ama Resitora ngahoranisha
Mu bana bali mu kigero cyanjye
Umugira Mana angira inama
Yo kuva mu mujyi nkajya guhinga.

91. Ati: Uyu mwaka witwa uwanyu
Si uwo kwilirwa muzerera
Aho mutudukuru, muropora mushya
Kandi iwanyu wabaga libre
Ntaho uhezwa munzu iwanyu.

92. Ese ntiwabonye mwene Sinzi se
Ngo aralirara ajya muli Kabare
Afata icyo ashaka ntafaranga
Ingingo zose zarashegeshwe.
Uko yakubiswe akagera ahaba.

93. Imyaka yashize Umukuru wacu
Ntiyatezutse kuvuga ijambo
Ko uru Rwanda ruzazamurwa
N'amaboko y'abana barwo
Maze tugasozera urukundo.

94. Uretse kwitwaza nibyongibyo
Witegereze urebe uko ungana
Iso wakubyaye azakubulire
Mu ruhirahiro nk'utagufite
Kandi witwaga umutabazi.

95. Maze rubyiruko mwese mwumve
Ali uwabikoze, ali utabikoze
Niba ubifite gira umurego
Nuba ikigoryi wikature
Usubire mu rugo ugarure agatima.

96. Dore urubyiruko rukora neza
Rufite impano nziza cyane
Ndetse amahirwe yararusaze
Ishimwe ryabo ni Ubumwe bafite
Amahoro kulibo urayibonera.

.../...

97. Abameze gutyo Leta yacu
Yabemereye kuzabafasha
Ngo bongere ibyabo bafite
Bagire byinshi babe abakungu
U Rwanda rwacu ruzamuke.

98. Rubyiruko ndangije nizeye
Ko ibyo tuvuze dufitanye Ubumwe
Bizakulikizwa cyane rwose
Maze amahanga adushengerere
Areba urubyiruko rw'ino i Rwanda.

99. Mwibuke kandi ko ubungubu
Ali ubwa kabili tubona uruhare
Umwaka washize igihumbi kimwe
Magana urwenda ilindwi n'icyenda
Wali uw'abana ku isi yose.

100. Rubyiruko rero nshuti z'u Rwanda
Dukore rwose tunezerewe
Ejo tutazatabа u Rwanda rwacu
Ubwo amahanga azaterana
Aje kureba ibyiza dukora.

101. Abanyamahanga bazishime
Maze amakondera avuge hose
Ingoma imilishyo n'imihamilizo
Ubwo bazabona imbere yabo
Tuli urubyiruko rwiza cyane.

102. Aliko waretse kwirata
Muvoma yacu ko itabishaka
Ukagira inama n'undi mwana
Uretse ubulara bwo kuzerera
Ugafasha abandi imilimo yose.

103. Aliko shahu wo gatsindwa
Ko ubu rwose tumeze neza
Hali ituze mu banyarwanda
Hali ubufatanye impande zose
Hali ibyiza bitatse u Rwanda.

104. Mbese wabuze iki muli byose
Kubona wiheba nk'imfubyi
Uli urubyiruko rufite uruhare
Ufite abayobozi bagushyigikiye
Baguha inama za Kibyeyi.

.../...

105. Ibaze nawe wisubireho
Dore urabyumva impande zose
Intambwe abenshi bamaze kugira
Kandi ntaho baguheje
Ndetse no mu mbere ulisanga.

106. Umva babyeyi ndabyiyumviye
Barezi mwese mwo kubaho mwe
Mfashe umugambi mwiza cyane
Nange ubwange ubu ndirebye
Nsanga ndi kure nk'ukwezi.

107. Erega rubyiruko nshuti y'u Rwanda
Koko ndabibona ugize umurego
Wanze kwilirwa wibunza
Ujya gushya amatama n'urulimi
Aho mu tudukuru twateye.

108. Ntibyatinze urwo rubyiruko
Rwishyizemo agafu rutera imbere
Uzanyaruke witegereze
Iby'uwo mwana biragahoraho
Ubwenge burarahurwa.

109. Ngaho rubyiruko muze hafi
Muganire ibyo mwabonye
Natwe ubwacu tubashyigikire
Kuko burya umugabo agizwe n'undi
Ibintu byose ni ugufatanya.

110. Ngaho namwe nzirabatinya
Na Senkende agukulikireho
N'abandi bana babungilije
Baze hafi bumve ibyanyu
Ko mwateye imbere bagenzi.

111. Jyewe ubwange Nzirabatinya
Nali indara yo muli Ngenda
Nkubitwa indembo ya buli saha
Umubili uzinga iminkanyali
Umusatsi ureshya n'ubwoya bw'ingwe.

112. Ubwo Senkende arahansanga
Ajya gucuruza amafi kuruzi
Mbona arababaye bishyize kera
Kuko umubyara burya arakomeye
Amfata akaboko ngo nidutahe.

.../...

113. Angira inama yo kumera nkawe
Ampa amafranga yo'gucuruza
Ndazamuka ndakabaza
Nkabona imali iliyongera
Amafranga alikoresha.

114. Ibyo ndabikesha Senkende
N'abakomeje kunshyigikira
Ubu meze neza aho ndi hose
N'ubu nabonye akandi kazina
Basigaye banyita (Maître).

115. None bana mutwungilije
Muli urubyiruko nkatwe twese
Ntitwabaheje muli ibyo byose
Mutwegere dushinge imizi
Mu Mahoro, mu Bumwe no mu Majyambere.

116. Ndakenezerwa simbabeshya
Sinzasubira kugira ubwohe
Niyo Imana zaba eshanu
Ndanze rwose ndipakuruye
Mbaye umwana wo muli Muvoma.

117. Aliko rubyiruko rwose uramenye
Ntimuzasubire kugenda
Mujya aho mutazi nk'abiyahura
Aliko niba n'uwiyahura
Ava imuhira yabyiyemeje.

118. Aliko rubyiruko rwose uramenye
Ugire uburere kuko bugukwiye
Kandi shahu kubona uko usa
Aliko aho ugeze bakamagana
N'agahinda nk'aka Sarukondo.

119. Umwana warezwe ikimukubwira
Dore babyeyi mwese murarera
N'utabafite abibona anandi
Ibyo sinabona uko mbabwira
Kuvuga menshi si ukuyamara.

120. Mwana mwiza ushire agahinda
Burya babeshya ngo uli icyangwe
Ndakwiboneye wabuze uburere
Wavunaguliye ibiti mu matwi yawe
Wanga kumva inama nk'izo.

.../...

UMUVUGO.
=======

DUSABE Aloys.

Secteur KIBYAGIRA

Commune MUDASOMWA

GIKONGORO
=========

## N° 1. UMUVUGO : RUBYIRUKO MURAMENYE:

1. Rubyiruko nkunda tuganire,
Twidagadure dushire amanga,
Aliko tutigira ibyomanzi,
Ngo twitwaze ko uyu mwaka,
Inani n'itanu uhaliwe urubyiruko.

2. Dufate neza Ubumwe n'Amahoro,
Tubashe kugera ku majyambere,
Intego yacu ikaba iyongiyo
Dukoranye umwete ugatira iherezo,
Niko abayobozi babyifuza.

3. Dufite ababyeyi batwigisha,
Ibyinshi cyane tutabonye,
Icyo numvise kiruta byose
Kikandyohera nk'ubuki
Bavuze Ubumwe bwababakujije.

4. None nanjye ndabyiboneye,
Reka mbirate kuko mbiruzi,
Rubyiruko nkunda dukome mu mashyi,
Intego yacu ya buli munsi,
Ubumwe, Amahoro, Amajyambere.

5. Rubyiruko rero mureke mbabaze
Uko namwe mwabibonye,
Niba mbeshya munyomoze
Nibiba iby'ukuli mubyikilize
Dufate neza u Rwanda rwacu.

6. Ubu urubyiruko aho ruli hose,
Rulishimye cyane rwose,
Maze aho bumviye ko umwaka,
Inani n'itanu uhaliwe urubyiruko,
Sinakubwira ni indefini.

7. Imbyino yacu yabaye Ubumwe,
Maze indilimbo ibaye Amahoro,
Gushayaya ni Amajyambere,
Ishuli ryacu tubyigiramo
Ni uru Rwanda rwatubyaye.

8. Maze akanama nabagira,
Rubyiruko nkunda bana b'ejo

.../...

Maze ntibibe ibyo mu kanwa gusa,
Tubigaragaze ndetse mu bikorwa,
Mu ma Koperative ntituhahezwa.

9. Twoye no kuba inyandagazi,
Cyangwa inzererezi zo mu mijyi yose
Nk'abatagira amaboko b'abasabilizi
Cyangwa abasazi cyangwa ibindi
Bitigeze byumva amajyambere.

10. None rubyiruko nshuti y'abere
Dore ubungubu Leta yacu
Yo yiyemeje kuzamura
U Rwanda rw'ejo rugana Ubumwe
Kugirango ruzagere ku majyambere.

11. Umva rubyiruko jya utekereza
Kuva aho tumaze gukulira
Twanze ibibi dukunda ibyiza
Uretse icyago cyo muli 73
Cyali kigiye kutubuza amahoro.

12. Maze umubyeyi ùtagira uko asa
Yo kagira ishya yo kaduhorana
Atanga ituze mu banyarwanda
Kuli iyo taliki itazibagirana
Yo kuli 5 muli Nyakanga.

13. Muri uwo mwaka uvuzwe haruguru
Maze abasaza baralilimba
Abategarugoli bavuze impundu
Ngo Hi!i!i! Uli Habyalimana koko
Maze urubyiruko dusekera limwe.

14. Bwarakeye ntibyatinze,
Haza umwaka 74,
Uwo mubyeyi uzadukiza,
Yahise awita uw'UBUHINZI
Ngo niduhinge dutsinde inzara.

15. Buba bulije undi uratashye,
Twumva ko bashyigikiye ubuhinzi
Haje umwaka 75
Ati : Ikibaryohera nk'ubuki
Twese TWONGERE UMUSARURO.

16. Ubwo turahinga nkuko yavuze
Ntitwaryama nkaba bagore
Kuko bulya abagore bali kwinshi
Ngo hali byuka tujye guhinga
Ngo hali na mpfumbata ntiburacya.

.../...

25. Uwo mubyeyi we ntiyabeshye
Amazi mabi agira microbes
Inzoka nyinshi z'andi moko
Zikangiza ubuzima bwacu
Kandi Imana yo itabishaka.

26. Imana nayo nkuko yaremye
Inani na limwe waje bwangu
Wahise witwa uwo : GUFATA UBUTAKA NEZA
Tubuhendahende kuko ali ntabwo
Tubwiteho tubukorere.

27. Haje n'undi inani na kabili
Ati : Nimurwanye isuli hose
Mutere ubwatsi ku mingoti
Imwe mwashyize ku milima yanyu
Mwanga isuli yabutwara.

28. Muzi yuko bikulikirana
Ubwo twabonye inani na gatatu
Maze arareba abona ni byiza
Ati : Igisigaye MUTERE IGITI
Imisozi ihanamye n'idatuwe,

29. Ubwo ndakebuka ndeba hirya
Ndeba hirya ndamwenyura
Ndeba uko ngana, ndeba uko nsa
Nti : Ibyo Nyakubahwa yaduhaye,
Bizarambe, Bizarambe!e!e!e!

30. Inani na kane waje bwangu
Yawusanganiye avuga ili jambo
Nimwongere bya bihingwa
Byacu byitwa INGANDURA-RUGO
Abarya ni benshi, ubutaka ni buto.

31. Aliko nawe utigeze umuswa
U Rwanda ni ruto, aliko rutuwe
Kandi ubutaka bwararumbye
Nitudakulikiza iyo migambi
Biranze bicikiye ku rucunshu.

32. Haliho ibyo abantu twikurulira
Nituva mu Kirago tujya mu tubare
Cyane cyane ko k'urubyiruko
Ntazi umulima, ntazi isuka
Tuzaba dute? Tuzabaho dute?

Mugateshuka ku ntego
Imaze kuduha ibyiza byinshi
Aliko cyane ibyo tumaze kubona.

50. Musore nawe nkumi ubyiruka
Niba shahu ubuze amashuli
Dore ko atakwiliye bose
Unezerwe ushire agahinda
Leta yacu iradushyigikiye.

51. Niba kandi ubonye intizo
Ukaba ufite gukomeza amashuli
Ntiwiyibagize umuco karande
Ba sogokuru wabonye bakora
Bakaba bagejeje bugingo n'ubu.

52. Hinga byose birakunaniye
Kandi u Rwanda rwacu ureba
Rukaba rwizihiliye ubuhinzi
Uburobyi, ubworozi n'ububaji
Ntaho uhezwa Rwanda rw'ejo.

53. Ninde wakoze nk'ibyo bana
Maze bikamunanira agasonza
Akagera ubwo azinga iminkanyali
Nk'umwana wafashwe na bwaki
Akabonerana nk'indorerwamo.

54. Aho uzi kumva ngo ufite amaboko
Maze ukazapfa uzize gusonza
Uli umwangavu, utanashaje
Ngo bikunanilire mu busaza
Cyangwa indwara utazi uko ije.

55. Uretse ibi byorezo tujya tubona
Aliko mufite Ubumwe n'amahoro
Dore icyo cyorezo kiratsindwa
Mukazagera kuli byinshi
Maze amajyambere asage hose.

56. Rubyiruka mwese nimwisunge
Uliya muntu uhanze amaso
Abantu nkamwe arabategereje
Afite ubwuzu impande zose
Arabahamagara ngo mumusange.

.../...

65. Cyane cyane jye ikimbabaza
Kikaba kimvunnye imbavu zose
Dore uva imuhira utembereye
Maze ugahura n'ibyomanzi
Napfuye ntarakubona di! (ijwi litoya)

66. None rero ko ubyumvise
Wiyemeje iki ugiye gukora
Ngo wilinde ibiyobya bwenge
Byagutera izinukwa Mana
Maze ugashengurwa n'agahinda.

67. Sinzi uwavuze mubakera
Agaca umugani abwira abandi
Uko ibya kera byali bimeze
Yarebye iby'ubu asa nuciye
Uretse ko basutseho amazi.

68. Yavuze ukuntu rububuta
Yazanye Rutuku rw'umuzungu
Ikamutura ahangaha tuli
Hafite ubwiza buhambaye
Yahashima akabishinga ihema.

69. Byice kabili ahashyira ishuli
Maze abakambwe baramuhunga
Bati: Inyamaswa yaduteye
Bahatwa kwiga no kujijurwa
Barabikunda ndetse karahagwa.

70. Bati : Kera hakoraga uburetwa
None abubu bafite amahoro
Naho ubumwe barabuvukanye
Amajyambere yo ni yose
Abanyarwanda balishimye.

71. Hali urubyiruko rwambwiye
Ko rwashavuye cyane rwose
Niyumvisha ko rutaba imuhira
Mu mateme hose niho rurara
Ikindi cyarwo ni ukunywa insheli.

72. Ibyo biyobyabwenge mubyihorere
Maze uce bugufi ukorere u Rwanda
Utwo dutukuru twateye
Sinzi neza aho iyo nama
Mwagize karende mu mitwe yanyu.

.../...

73. Ahu!u!u! Ndikanze
Aliko shahu ubu ko usorekaye
Iso ejobundi akaguha umufasha
Aho rubyiruko ntuzareba
Bamwe musangira utwo turahure?

74. Iyaba ali utwo mwiguliraga
Atali ukwilirwa mudutora
Aho mu ma BAR aho twandagaye
Aho abasilimu bazisigaje
Kandi ali ifuro mwinywera.

75. Rubyiruko rwose mugeze hehe?
Dore amajyambere arabacitse
Kandi ijambo ryitwa urubyiruko
Ali ukureba u Rwanda rw'ejo
Uko ruzaba mu minsi mibi.

76. Ese ntiwagiye kwą Muzehe
Ngo urore umwana uteye ub$_w$uzu
Ufite amatwara nkay'u Rwanda
Kandi rwose ntacyo yabuze
Ni umukungu ufite agaciro.

77. Kandi ntuzi aho yabikuye?
Yagize ubumwe mu banyarwanda
Agira amahoro mu rugo iwabo
Agirango azagere kuli byinshi
Niyo majyambere yamusaze.

78. Ibaze nawe wisubireho

Koko rubyiruko kumva bavuga
Ko ali wowe Rwanda rw'ejo
Ugapfayonga ugakora hirya
Ingaruka yabyo uzayireba.

79. Maze rubyiruko fata umugambi
Uzawushyire n'abatawufite
Nibawutapfuna ubacengeyemo
Muzafatanye mujye akanama
Maze muzagere kuli byinshi.

80. Sinzi neza niba ubyumva
Wowe rubyiruko rwanda rw'ejo
Iso wakubyaye ntiyagutaye
Kandi uli igikenya mu bindi
Waramunaniye akabura uko agira.

81. Ntiwiyibagize imyaka magana
Ishize yose umukuru wacu

.../...

We ntiyahwemye kuduha inama
Wibuke ijambo livuga neza
Ngo umuntu wese ature aheza.

82. Twishyiremo agafu twiyibagize
Ingorane nyinshi tujya duhura
Tura aheza; ubane neza
Ugire umubano mu banyarwanda
Ukunde ube isugi iwacu i Rwanda.

83. Kubona rwose witwa umusore
Maze ugakurura za nyakatsi
Kandi Leta y'u Rwanda ntibishaka
Ni nacyo gituma batubwiye
Ngo niduture aheza cyane.

84. Maze bakobwa nimuhakanire
Umusore w'ubu ubakangisha
Patte igoroye ni cuire
Kandi rwose atagira intaho
Iwe ali mu mwobo nk'umwe w'inyaga.

85. Baraduhanuye turabashimye
Abantu rwose banze nk'ibyo
Bipakuruye na byabindi
Bagira umurego bashishikaye
Natwe ntiduteterereze u Rwanda rwacu.

86. Aho bigereye rungano nkanjye
Bana baremwe n'Imana
Ikabatuza muli Paradizo
Ali uru Rwanda rwacu ureba
Munyegere mbahe igisakuzo.

87. Sakwe Sakwe  shira agahinda
Soma usogongere aya majyambere
Atagucika ukagwa mu cyobo
Kandi Imana yaraguhaye
Amata kubwoko ubwalibwo bwose.

88. Hinga mbabwire ntaburyarya
Burya mbabwira tureke mu mijyi
Tugane icyaro aho twarerewe
Twipakurure ya mapingu
Na za ndembo zitadusibaho.

.../...

89. Umwaka washize uwo aliwo
Aliko ndakeka ilindwi n'icyenda
Niba ali nawo wali uw'abana
Nibeshye ko ubutegetsi ali twe tubufashe
Njya muli groupe yo mu birara.

90. Ubwo nkalira mu mijyi yose
Ama Resitora ngahoranisha
Mu bana bali mu kigero cyanjye
Umugira Mana angira inama
Yo kuva mu mujyi nkajya guhinga.

91. Ati: Uyu mwaka witwa uwanyu
Si uwo kwilirwa muzerera
Aho mutudukuru, muropora mushya
Kandi iwanyu wabaga libre
Ntaho uhezwa munzu iwanyu.

92. Ese ntiwabonye mwene Sinzi se
Ngo aralirara ajya muli Kabare
Afata icyo ashaka ntafaranga
Ingingo zose zarashegeshwe.
Uko yakubiswe akagera ahaba.

93. Imyaka yashize Umukuru wacu
Ntiyatezutse kuvuga ijambo
Ko uru Rwanda ruzazamurwa
N'amaboko y'abana barwo
Maze tugasozera urukundo.

94. Uretse kwitwaza nibyongibyo
Witegereze urebe uko ungana
Iso wakubyaye azakubulire
Mu ruhirahiro nk'utagufite
Kandi witwaga umutabazi.

95. Maze rubyiruko mwene mwumve
Ali uwabikoze, ali utabikoze
Niba ubifite gira umurego
Nuba ikigoryi wikature
Usubire mu rugo ugarure agatima.

96. Dore urubyiruko rukora neza
Rufite impano nziza cyane
Ndetse amahirwe yararusaze
Ishimwe ryabo ni Ubumwe bafite
Amahoro kulibo urayibonera.

.../...

97. Abameze gutyo Leta yacu
Yabemereye kuzabafasha
Ngo bongere ibyabo bafite
Bagire byinshi babe abakungu
U Rwanda rwacu ruzamuke.

98. Rubyiruko ndangije nizeye
Ko ibyo tuvuze dufitanye Ubumwe
Bizakulikizwa cyane rwose
Maze amahanga adushengerere
Areba urubyiruko rw'ino i Rwanda.

99. Mwibuke kandi ko ubungubu
Ali ubwa kabili tubona uruhare
Umwaka washize igihumbi kimwe
Magana urwenda ilindwi n'icyenda
Wali uw'abana ku isi yose.

100. Rubyiruko rero nshuti z'u Rwanda
Dukore rwose tunezerewe
Ejo tutazataba u Rwanda rwacu
Ubwo amahanga azaterana
Aje kureba ibyiza dukora.

101. Abanyamahanga bazishime
Maze amakondera avuge hose
Ingoma imilishyo n'imihamilizo
Ubwo bazabona imbere yabo
Tuli urubyiruko rwiza cyane.

102. Aliko waretse kwirata
Muvoma yacu ko itabishaka
Ukagira inama n'undi mwana
Uretse uburara bwo kuzerera
Ugafasha abandi imilimo yose.

103. Aliko shahu wo gatsindwa
Ko ubu rwose tumeze neza
Hali ituze mu banyarwanda
Hali ubufatanye impande zose
Hali ibyiza bitatse u Rwanda.

104. Mbese wabuze iki muli byose
Kubona wiheba nk'imfubyi
Uli urubyiruko rufite uruhare
Ufite abayobozi bagushyigikiye
Baguha inama za Kibyeyi.

.../...

105. Ibaze nawe wisubireho
Dore urabyumva impande zose
Intambwe abenshi bamaze kugira
Kandi ntaho baguheje
Ndetse no mu mbere ulisanga.

106. Umva babyeyi ndabyiyumviye
Barezi mwese mwo kabaho mwe
Mfashe umugambi mwiza cyane
Nange ubwange ubu ndirebye
Nsanga ndi kure nk'ukwezi.

107. Erega rubyiruko nshuti y'u Rwanda
Koko ndabibona ugize umurego
Wanze kwilirwa wibunza
Njya gushya amatama n'urulimi
Aho mu tudukuru twateye.

108. Ntibyatinze urwo rubyiruko
Rwishyizemo agafu rutera imbere
Uzanyaruke witegereze
Iby'uwo mwana biragahoraho
Ubwenge burarahurwa.

109. Ngaho rubyiruko muze hafi
Muganire ibyo mwabonye
Natwe ubwacu tubashyigikire
Kuko burya umugabo agizwe n'undi
Ibintu byose ni ugufatanya.

110. Ngaho namwe nzirabatinya
Na Senkende agukulikireho
N'abandi bana babungilije
Baze hafi bumve ibyanyu
Ko mwateye imbere bagenzi.

111. Jyewe ubwange Nzirabatinya
Nali indara yo muli Ngenda
Nkubitwa indembo ya buli saha
Umubili uzinga iminkanyali
Umusatsi ureshya n'ubwoya bw'ingwe.

112. Ubwo Senkende arahansanga
Ajya gucuruza amafi kuruzi
Mbona arababaye bishyize kera
Kuko umubyara burya arakomeye
Amfata akaboko ngo nidutahe.

113. Angira inama yo kumera nkawe
Ampa amafranga yo gucuruza
Ndazamuka ndakabaza
Nkabona imali iliyongera
Amafranga alikoresha.

114. Ibyo ndabikesha Senkende
N'abakomeje kunshyigikira
Ubu meze neza aho ndi hose
N'ubu nabonye akandi kazina
Basigaye banyita (Maître).

115. None bana mutwungilije
Muli urubyiruko nkat$_w$e twese
Ntitwabaheje muli ibyo byose
Mutwegere dushinge imizi
Mu Mahoro, mu Bumwe no mu Majyambere.

116. Ndakenezerwa simbabeshya
Sinzasubira kugira ubwohe
Niyo Imana zaba eshanu
Ndanze rwose ndipakuruye
Mbaye umwana wo muli Muvoma.

117. Aliko rubyiruko rwose uramenye
Ntimuzasubire kugenda
Mujya aho mutazi nk'abiyahura
Aliko niba n'uwiyahura
Ava imuhira yabyiyemeje.

118. Aliko rubyiruko rwose uramenye
Ugire uburere kuko bugukwiye
Kandi shahu kubona uko usa
Aliko aho ugeze bakamagana
N'agahinda nk'aka Sarukondo.

119. Umwana warezwe ikimukubwira
Dore babyeyi mwese murarera
N'utabafite abibona ahandi
Ibyo sinabona uko mbabwira
Kuvuga menshi si ukuyamara.

120. Mwana mwiza ushire agahinda
Burya babeshya ngo uli icyangwe
Ndakwiboneye wabuze uburere
Wavunaguliye ibiti mu matwi yawe
Wanga kumva inama nk'izo.

.../...

121. Imyaka yashize yose twumva
Inama nk'izo tujya duhabwa
N'abayobozi babagiranama
Bo gashakire mbere bose
Tuzishyigikire zishinge imizi.

122. Nawe rero mugenzi wanjye
Shikama ushake icyagutunga
Ugishakishije ingufu zawe
Atali ukwilirwa usopa abantu
Nkaho ali wowe uba wabadodeye.

123. Senga usabe Imana ukomeje
Uve mu isayo gahindagasave
Ukazazikwa uzize ibyo byaha
Utanakeka amahoro na limwe
Yazakuganaho n'ubutaka.

124. Umva mukobwa nawe nuko
Attention kwirata
Ugatuka nyoko bitagukwiye
Kandi yiliwe avuna amaboko
Afurumba mubyo uza ushogonya.

125. Reka mbatuke ibyo si byiza
Kandi hashize igihe mbireba
Umukobwa akugurura agenda
Agatahuka inkoko ibitse kane
Izina ni impamo uli imbwera.

126. Uw'ubu rwose yarayoberanye
Umugira inama akagushigukana
Ati : Sinkubwira ngo unsomere imvaho
Cyangwa unsomere Discours
Ngo ibyo akora byose ali muli Muvoma.

127. Iyaba adasebya Muboma nziza
Uretse imitwe bafite yatokowe
Izize ibyo byose biyobya ubwenge
Muvoma yacu ishaka yuko
Umuntu wese agira umurava.

128. Agakorera Igihugu azi ko yikorera
Agasubiza umutima mu gitereko
Agashishikara agirango atsembe
Ibintu nk'ibyo bifite imyuka mibi
Ikazikura cya kigugunnyi.

.../...